ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAKENE WIZIHIZWA KU NCURO YA 5

Ku wa 14 ugushyingo 2021, ku cyumweru cya 33 gisanzwe

***« Abakene muzabahorana iteka »* (Mk 14, 7)**

1. « *Abakene muzabahorana iteka* » (Mk 14, 7). Yezu yavuze aya magambo ubwo yari i Betaniya kwa Simoni wiswe « *umubembe* », bari ku meza, hasigaye iminsi mike ngo Pasika ibe. Nk'uko umwanditsi w'Ivanjili abivuga, umugore yinjiye aho bafunguriraga afite urweso rwuzuye umubavu w'igiciro gikomeye awusuka ku mutwe wa Yezu. Ibyo yari amaze gukora byatangaje abari aho, batangira kubisobanura ku buryo bubiri butandukanye.

Uburyo bwa mbere ni umwijujuto wa bamwe muri bo, barimo n'abigishwa be. Kuri bo, ukurikije agaciro k'uwo mubavu, kageraga ku madenari magana atatu, ahwanye n'umushahara w'umukozi ku mwaka, byari kuba byiza ugurishijwe maze ibivuyemo bigahabwa abakene. Mu Ivanjili yanditswe na Yohani, Yuda ni we wagize iki gitekerezo ati « *Nk'uriya mubavu wajyaga kugurishwa amadenari magana atatu, agahabwa abakene, upfuye iki?* ». Umwanditsi w'Ivanjili akongeraho, ati « *Ibyo ariko ntiyabivugiraga ko yari ababajwe n'abakene, ahubwo ni uko yari umujura; n'ubundi ni we wari umubitsi, akajya yiha ku byo bamubikije.* » (12, 5-6). Si ku bw'impanuka kuba mu kanwa k'umugambanyi ari ho hasohotse amagambo akarishye anenga ibigiriwe Yezu: ni igihamya ko abatubaha abakene batatira inyigisho za Yezu kandi badashobora kuba abigishwa be. Muri uru rwego, reka twibuke amagambo akomeye ya Orijeni aho agira, ati « *Yuda yasaga n'aho afitiye abakene impuhwe [...]. Niba no muri iki gihe hari umuntu ucunga ikigega cya Kiliziya, akavuganira abakene nka Yuda, nyamara akajya yikorera muri icyo kigega, ubwo rero ari mu gatebo kamwe na Yuda* ».

Igisobanuro cya kabiri ni icyatanzwe na Yezu ubwe kandi kidufasha kumva ku buryo bwimbitse ibyo uriya mugore yari amaze gukora. Yezu ati « *Nimumureke!*

Muramutonganyiriza iki? Dore ibyo amaze kungirira ni byiza. » (Mk 14,6). Yezu wari uzi ko urupfu rwe rwegereje abona muri iki gikorwa umusogongero w'amavuta azasigwa umubiri we nyuma yo gupfa na mbere yo gushyirwa mu mva. Iyi mitekerereze ye irenze kure iy'abandi batumirwa bari kumwe na we. Yezu arabibutsa ko ari We mukene wa mbere, ukennye cyane kurusha abandi kuko abahagarariye bose. Kandi ni mu izina ry'abakene, iry'abigunze iry'abahejwe n'iry'abahawe akato, Umwana w'Imana yemera ibyo uriya mugore amukoreyeho. Mu myumvire ye nk'umugore, aragaragaza ko ari we wenyine wiyumvisha icyo Nyagasani ashaka. Uyu mugore utavugwa izina, ushobora kuba ahagarariye abagore bose bo ku isi bo mu binyejana bitandukanye, batagiye bahabwa ijambo mu bandi kandi bagahohoterwa mu mateka y'isi, yabaye intangiriro y'ukugaragara kw'abagore mu kugira uruhare mu bihe by'ingenzi by'ubuzima bwa Kristu ari byo kubambwa ku musaraba kwe, urupfu n'ishyingurwa rye ndeste no mu kwigaragaza kwe nk'Uwazutse. Abagore, akenshi bagiye bashyirwa ku ruhande bakanahezwa mu nzego zifata ibyemezo, nyamara mu byanditswe bitagatifu bari mu barwanashyaka mu mateka y'ukwigaragaza kw'Imana mu bantu. Yezu akomeza ahuza uyu mugore n'umurimo ukomeye w'iyogezabutumwa, aho agira, ati « *Ndababwira ukuri: ku isi yose, aho Inkuru Nziza izamamazwa hose, bazajya bavuga n'ibyo uyu mugore amaze gukora, bamwibuke* ». (Mk 14, 9).

2. Uku « *kwishyira mu kigwi cy'undi*» gukomeye hagati ya Yezu n'uyu mugore, n'uburyo Yezu ubwe asobanura isigwa rye bivuguruzanya n'igitekerezo cy'urukozasoni cya Yuda n'abandibatumirwa, bishobora gutuma umuntu atekereza cyane ku bumwe bw'indatana buri hagati ya Yezu, abakene no kwamamaza Inkuru Nziza.

Isura y'Imana yahishuwe na Yezu ni iy'umubyeyi witaye ku bakene kandi ubana na bo. Muri byose, Yezu yigisha ko ubukene atari ikintu kizana kuko kigomba kubaho, ahubwo ni ikimenyetso gifatika cyerekana ko ari muri twe. Ntitumubona igihe tumushakiye n'aho tumushakiye, ahubwo tumubona mu buzima bw'abakene, mu bubabare bwabo n'akaga kabo, mu buryo bumwe na bumwe butari ubwa kimuntu babamo batabihisemo. Nk'uko ntahwemye kubivuga, abakene ni abogezabutumwa nyabo kuko babaye aba mbere mu gushyikirizwa Inkuru Nziza kandi bahamagariwe na Nyagasani gusangira na we ihirwe ry'Ijuru (reba Mt 5, 3).

Buri gihe n'ahantu hose, abakene batugezaho Inkuru Nziza, kuko batuma twongera kubona mu buryo bushya isura nyayo ya Data. «*Bafite byinshi byo kutwigisha. Usibye no kuba bagira uruhare mu kudufasha kumva neza ukwemera kwacu, ku bw'ububabare bwabo, banazi Kristu ubabara. Ni byiza rero ko twese twemera kubwirwa Inkuru Nziza na bo. Iyogezabutumwa riduhamagarira kumenya imbaraga zikiza ziri mu buzima bwabo, no kubashingiraho urugendo rwa Kiliziya. Duhamagariwe kureba Kristu muri bo, kuba ijwi ribavugira, ariko kandi no kuba inshuti zabo, kubatega amatwi, kubumva no kwakira ubuhanga butangaje Imana ishaka kutugezaho binyuze muri bo.*

Ibyo twiyemeza ntibigizwe gusa n'ibikorwa cyangwa za gahunda zo kubazamura no kubafasha; icyo Roho Mutagatifu adukangurira si ugutagangazwa n'ibikorwa, ahubwo ni ukwita kuri mugenzi wacu tukamufata nk'uwunze ubumwe natwe. Uku kumwitaho mu rukundo bituma dutangira guhangayikishwa n'uwo ari we, maze tugahera aho tumushakira ineza » (Urwandiko rwa gishumba ***Evangelii gaudium***, nn. 198-199).

3. Yezu ntabogamiye gusa ku bakene, ahubwo anasangiye na bo gupfa no gukira. Iri nni isomo rikomeye cyane ku bigishwa be bo mu bihe byose. Iki ni cyo gisobanuro cy'amagambo ye, ati « ***abakene muzabahorana iteka*** ». Abakene bazahorana natwe, ariko ibyo ntibigomba gutuma turambirwa kubitaho, ahubwo biduhamagarira gusangira ubuzima na bo imbonankubone, nta wundi muntu binyuzeho. Abakene si abantu bo "hanze" y'aho dutuye, ahubwo ni abavandimwe bacu twakagombye gusangira imibabaro, mu rwego rwo kugabanya ibibazo byabo no guhezwa, kubagarurira icyubahiro batakaje no guharanira ko bibona mu muryango uko bikwiye. Ku rundi ruhande, nk'uko dusanzwe tubizi, iyo bavuze igikorwa cy'urukundo twumva ko hari umugiraneza n'umuntu uyigirirwa, mu gihe gusangira byo bibyara ubuvandimwe. Gutanga bikorwa rimwe na rimwe; mu gihe gusangira bihoraho. Ibyo mvuze mbere bishobora gushimisha ababikoze ariko bigasuzuguza ababikorewe; mu gihe ibya kabiri bishimangira ubufatanye kandi bigashyiraho urufatiro rukenewe kugira ngo ubutabera bugerweho. Muri make, abemera, iyo bashaka kubona Yezu imbonankubone no kumukoraho n'ibiganza byabo, bazi aho bagana. Abakene ni isakramentu rya Kristu, baramuhagarariye kandi bakamutuganishaho.

Hari ingero nyinshi z'abatagatifu bagize gusangira n'abakene gahunda y'ubuzima bwabo. Muri bo navuga nka Padiri Damiyani wa Vesta (Veuster), intumwa ntagatifu y'ababembe. Mu buntu bwinshi, yemeye umuhamagaro wo kujya ku kirwa cya Molekayi (Molokai), cyari cyarabaye iciro ry'ababembe, kugira ngo abane na bo kandi apfane na bo. Yazinze amaboko y'ishati ye, maze akora ibishoboka byose kugira ngo agarure ubuzima bukwiye ikiremwa muntu kuri abo bantu bakennye barwaye kandi baciwe, bateshejwe agaciro ku buryo bukabije. Yabaye umuganga n'umuforomo, atitaye ku ngaruka zirimo, maze azana urumuri rw'urukundo kuri icyo kirwa cyari cyariswe « *ubukonde bw'urupfu* ». Na we ubwe yarwaye ibibembe, biba ikimenyetso cy'uko yasangiye byose n'abavandimwe be yari yaratangiye ubuzima bwe. Ubuhamya bwe bufite icyo bwatwigisha muri iki gihe isi ihanganye n'icyorezo cya koronavirusi. Sinshidikanya ko ubuntu bw'Imana buri gukorera mu mitima y'abantu benshi, bucece, bitangira abakene, basangira na bo mu buryo bufatika.

4. Dukwiye rero n'umutima wacu wose kwihambira ku byo Nyagasani adusaba agira, ati « *Nimwisubireho maze mwemere Inkuru Nziza!* » (Mk 1, 15). Uko guhinduka kugizwe mbere ya byose no gufungura imitima yacu kugira ngo tumenye uburyo butandukanye ubukene bwigaragazamo, tunahamye Ingoma y'Imana tubaho mu buryo bujyanye n'ukwemera twamamaza. Akenshi, dufata abakene nk'abandi bantu batandukanye natwe, nk'icyiciro cy'abantu bakeneye gusa kugirirwa neza mu buryo bwihariye.

Nyamara gukurikira Yezu bisaba guhindura iyo mitekerereze no gukemura ikibazo cyo gusangira na bo babigizemo uruhare. Kuba abigishwa ba Yezu bivuze guhitamo kutirundanyaho ubutunzi hano ku isi, butuma twibwira ko dufite umutekano, kandi mu by'ukuri ujegajega ndetse ari n'uw'igihe gito. Ahubwo bisaba ubushake bwo kwigobotora ingoyi iyo ari yo yose itubuza kugera ku byishimo n'umunezero nyabyo, kugira ngo tumenye icyaramba kandi kidashobora kwangizwa n'ikintu icyo ari cyo cyose cyangwa umuntu uwo ari we wese (reba Mt 6, 19-20).

Na none hano, inyigisho ya Yezu iranyuranya n'ibimenyerewe, kuko isezeranya ibyo amaso amurikiwe n'ukwemera yonyine ashobora kubona no kumenya mu buryo budashidikanya. « *Umuntu wese uzaba yararetse amazu, cyangwa abavandimwe be, cyangwa bashiki be, cyangwa se, cyangwa nyina, cyangwa abana, cyangwa isambu ye, abitewe n'izina ryanjye, azabisubizwa incuro ijana kandi azatunga ubugingo bw'iteka* » (Mt 19, 29). Niba tudahisemo kuba abakene mu by'ubukungu bw'igihe gito, mu by'imbaraga z'ab'isi, mu kwirata, ntituzigera dushobora gutanga ubuzima bwacu ku bw'urukundo; tuzabaho ubuzima bw'igice, bwuzuye imigambi myiza, ariko budashobora guhindura isi. Dukeneye rero kwifungurira byimazeyo ubuntu bwa Kristu, ushobora kutugira abahamya b'urukundo rwe rutagira umupaka no gutuma ukubaho kwacu kugirirwa icyizere ku isi.

5. Ivanjili ya Kristu iraduhamagarira kwerekana cyane ko duhangayikishijwe n'abakene no gutahura uburyo butandukanye bw'imyitwarire n'imibanire mibi ya muntu ihora itera ubukene bushya. Imyumvire ituma abakene bafatwa nka ba nyirabayazana b'imibereho mibi yabo ndetse n'umutwaro utakihanganirwa muri gahunda y'ubukungu ishyira imbere inyungu z'ibyiciro bike by'abagashize, iragenda yiyongera. Isoko ryirengagiza inkingi z'imico myiza cyangwa rigahitamo zimwe muri zo gusa, rituma habaho uburyo bw'imibereho itari iya kimuntu bwibasira cyane abantu basanzwe babayeho nabi. Muri iki gihe turasanga hari imitego mishya y'ubukene bukabije no guhezwa, itegwa n'abafite ibikorwa by'ubukungu n'imari badatinya ubuhemu, badafite indangagaciro za kimuntu ntibemere n'inshinangano mbonezamubano.

Umwaka ushize, twagwiriwe n'ikindi cyorezo cyongereye umubare w'abakene. Icyorezo gikomeje kwibasira abantu babarirwa muri za miliyoni ku buryo niyo kitazana umubabaro n'urupfu, ibyo ari byo byose kizana ubukene. Abakene bariyongereye ku buryo bukabije ndetse ikibabaje ni uko bizakomeza kuba gutyo no mu mezi ari imbere. Ibihugu bimwe na bimwe bigirwaho ingaruka zikomeye ziterwa n'icyorezo, ku buryo abatishoboye kurusha abandi mu baturage babyo usanga babuze iby'ibanze.

Imirongo miremire y'abakene bategerereje imbere y'amaduka agenewe abakene ni ikimenyetso gifatika cy'izi ngaruka. Birakenewe ko dushakisha uburyo buboneye bwo guhangana na virusi ku rwego rw'isi yose, hatabayeho gushyira imbere inyungu z'ibihugu. By'umwihariko, hakenewe byihutirwa kubona ibisubizo bifatika ku bahangayikishijwe no kubura akazi, barimo abagabo, abagore ndetse n'urubyiruko.

Ubufatanye mbonezamubano no kugira ubuntu biranga benshi ku bw'ingabire y'Imana, bihujwe n'imishinga ihamye yo guteza imbere muntu, bizakomeza gutera inkunga ihambaye muri uru rwego.

6. Hari ikibazo kitigaragariza buri wese ariko kikiriho: twatanga igisubizo gifatika dute ku bakene babarirwa muri za miliyoni bahora birengagizwa iyo badatewe hejuru? Ni iyihe nzira y'ubutabera dukwiye kunyuramo kugira ngo duhashye ubusumbane mu bantu kandi uburenganzira bw'ikiremwa muntu bwakunze guhonyorwa bwubahirizwe? Amahitamo ya muntu yo kuba nyamwigendaho ni icyitso cy'ubukene, ndetse akenshi agakorera abakene umutwaro wo kwirengera. Burya ubukene ntibuza nk'impanuka, ahubwo ni ingaruka zo kwikunda. Ni ngombwa rero gushyiraho inzira z'iterambere ziha agaciro ubushobozi bwa buri wese, kugira ngo ubwuzuzanye bw'ubuhanga hamwe n'ubudasa bw'inshingano biganishe ku mutungo rusange buri wese afitemo uruhare. Hariho ubwoko bwinshi bw'ubukene mu « bakire » bushobora gukizwa n'ubukungu buri mu « bakene », iyaba gusa bashoboraga guhura bakamenyana! Nta muntu n'umwe wakena ku buryo yabura icyo aha uwagize icyo amuha. Abakene ntibakwiye kuba abantu bahabwa gusa; na bo bagomba guhabwa uburyo bashobora gutanga, kuko bazi neza kwitura ineza. Ni ingero zingahe zo gusangira tubona! Abakene bakunze kutwigisha ubufatanye no gusaranganya. Ni ukuri, bashobora kuba ari abantu babuze ibintu bimwe na bimwe, akenshi banabuze byinshi kandi by'ingenzi, ariko ntibabuze byose, kuko bakomeza kugira icyubahiro cyabo nk'abana b'Imana kandi nta kintu cyangwa umuntu washobora kukibambura.

7. Ni yo mpamvu hakenewe ubundi buryo bwo kurwanya ubukene. Iki ni ikibazo za leta n'imiryango mpuzamahanga bigomba gufatira ingamba z'imibereho zireba kure, zishobora guhangana n'uburyo bushya bw'ubukene burimo gukwira ku isi hose kandi bushobora kuzagira ingaruka zikomeye mu myaka myinshi iri imbere. Mu gihe abakene bazahezwa inyuma, nk'aho ari bo nyirabayazana y'ubuzima babayemo, icyitwa demokarasi kizahungabana maze na buri politiki y'imibereho myiza yose izananirwe. Twiyoroheje, twagakwiye kwicuza ko akenshi ntacyo dushoboye iyo bigeze ku bakene. Tubaganiraho mu buryo budasobanutse, dutinda ku mibare kandi tukibwira ko dushobora guhindura imitima y'abantu dukoresheje filimi mbarankuru zibavugaho. Ubukene, ahubwo, bwakagombye kudutera imbaraga zo gutegura igenamigambi rigamije kongera umudendezo ukenewe mu kubaho ubuzima bwuzuye hakurikijwe ubushobozi bwa buri muntu. Ni ukwibeshya twagakwiye kurwanya, gutekereza ko umudendezo uza kandi ugakura kubera ko hari amafaranga. Gufasha abakene bidusaba ibikorwa kandi bituma dushobora kubona inzira ziboneye zo kuzamura no guteza imbere iki kiciro cy'ikiremwamuntu kidakunze kumenyekana no kugira ijambo, nyamara cyifitemo ishusho y'Umukiza wacu Yezu Kristu udusaba ubufasha.

8. « ***Abakene muzabahorana iteka*** » (Mk 14, 7). Duhamagarirwa kutazigera na rimwe dutakaza amahirwe tubonye yo gukora icyiza. Muri ibyo, dushobora kubonamo itegeko rya kera rya Bibiliya rigira, riti « *Hari umuvandimwe wawe utishimye [...], ntuzinangire umutima*

wawe kandi ntuzabumbe ikiganza imbere ya murumuna wawe uri mu kaga, ahubwo uzakirambura cyane kandi umugurize ibirenze ibyo akeneye. [...] Uzamuha byinshi, kandi ntuzabikora winuba. Nubikora utyo, Nyagasani Imana yawe azaguha imigisha mu bikorwa byawe byose no mu mishinga yawe yose. Mu by'ukuri, abababaye ntibazabura muri iki gihugu… » (*Ivug 15, 7-8, 10-11*). Mu buryo nk'ubwo, intumwa Pawulo yashishikarije abakristu bo mu makoraniro ye gufasha abakene bo mu ikoraniro rya mbere ry'i Yeruzalemu kandi bakabikora « *nta kwinuba nta no guhatwa, kuko Imana ikunda utanga yishimye* » (2Kor 9, 7). Ntitugomba gutanga imfashanyo yacu tugira ngo turuhure umutimanama wacu, ahubwo dukwiye kubikora nk'uburyo bwo kurwanya umuco wo kwigira ba ntibindeba n'agasuzuguro, tugaragaza imbere y'abakene.

Ni muri urwo rwego, byaba byiza twibutse amagambo ya Mutagatifu Yohani Krizostome aho agira, ati "*Abagira ubuntu ntibagakwiye kubaza amakuru ku myitwarire y'abakene, ahubwo bazamura imibereho y'abari mu bukene, bagahaza ibyifuzo byabo. Ikintu kimwe rukumbi gikwiye kurebwa ku bakene ni ubukene bwabo n'imiterere y'ubukene bibonamo. Ntuzababaze ikindi kintu. Ariko niyo abakene baba ari abantu babi kurusha abandi ku isi, niba bashonje, reka tubakure mu nzara [...] Erega abanyampuhwe bameze nk'icyambu ku bakeneye ubufasha. Icyambu cyakira kandi kigakura mu kaga abarohamye bose; baba ari abagizi ba nabi, abeza cyangwa icyo bari cyo cyose. Nawe rero, niba ubonye imusozi umugabo cyangwa umugore warohamishijwe n'ubwato bw'ubukene, wibacira urubanza, wibaza amakuru ku myitwarire yabo, ahubwo bakure mu byago byabo* » (***Ijambo ku mukene Lazaro, II, 5***).

9. Birakwiye ko dushishikarira no kumenya ibyo abakene bakeneye, bihora bihinduka bijyanye n'ibihe. Mu by'ukuri, muri iki gihe, mu turere twateye imbere mu bukungu ku isi, abantu ntibakigira ubushake bwo guhangana n'ubukene nk'uko byahoze mu bihe byashize. Imibereho myiza abantu bimenyereje, ituma bagorwa no kwemera kwitangira abandi no kwigomwa. Abantu biteguye gukora icyo ari cyo cyose aho kwamburwa ibyo babonye batavunitse. Kubera iyo mpamvu, bagwa mu mutego w'inzika, guhagarika umutima, kugira ibyifuzo bijyana ku bwoba, umubabaro, hamwe na hamwe, mu bugizi bwa nabi. Ubu si bwo buryo bwo kubaka ejo hazaza; ahubwo, iyo myitwarire ubwayo ni ubundi buryo bw'ubukene tudakwiye kwirengagiza. Tugomba kurushaho kumenya gusoma ibimenyetso by'ibihe bidusaba gushaka uburyo bushya bwo kwamamaza Inkuru Nziza mu isi ya none. Ubufasha bwihuse mu gukemura ibibazo by'abakene, ntibukwiye kutubuza kugira ubushishozi mu gushyira mu bikorwa ibimenyetso bishya by'urukundo n'ubugiraneza bya gikristu, nk'igisubizo ku buryo bushya bw'ubukene bwugarije abantu muri iki gihe. Nizere ko uyu munsi mpuzamahanga w'abakene, twizihiza ku ncuro ya gatanu, uzashinga imizi muri kiliziya z'iwacu kandi ukadutera imbaraga zo kogeza inkuru nziza duhura mbere na mbere n'abakene imbonankubone aho bari hose. Ntidukwiye gutegereza ko abakene bakomanga ku nzugi zacu; dukeneye byihutirwa kubageraho mu ngo zabo, mu bitaro no mu bigo byita ku bageze mu za bukuru, ku mihanda no mu mfuruka bikingamo uko bashoboye, mu nkambi

z'impunzi no mu bigo byakira abantu ... Ni ngombwa kumva uko bamerewe, kumenya ibyo bahura na byo n'ibyo imitima yabo yifuza.

Reka dusoze dusangira aya magambo ya Don Primo Mazzolari agira, ati « *Ndagusaba ngo ntumbaze niba hari abakene, abo ari bo cyangwa ngo ni bangahe, kuko ntinya ko ibibazo nk'ibi byaba ari ibyo kurangaza cyangwa urwitwazo kugira ngo ubwenge n'umutima byacu bitagira icyo bikora [...] Ntabwo nigeze mbara abakene, kuko badashobora kubarwa. Abakene bagomba kwegerwa, ntibabarwa* » (Adesso n. 7, 15 Mata 1949). Abakene bari rwagati muri twe. Mbega ukuntu byaba ari ukwamamaza Inkuru Nziza turamutse tuvuze mu kuri kose, tuti « Natwe turi abakene », kuko ari muri ubu buryo gusa dushobora kubamenya by'ukuri no kubagira igice cy'ingenzi cy'ubuzima bwacu n'igikoresho cy'umukiro wacu.

Bikorewei Roma, kuri Bazilika ya Mutagatifu Yohani w'i Laterani, ku wa 13 Kamena 2021, ku munsi mukuru wa Mutagatifu Antoni wa Paduwa.

Papa Fransisko